



Mutarama 2023

ikinyarwanda

Nturi wenyine mu rugendo!

**Ndababwira ukuri, dore ndi kumwe namwe
iminsi yose kugeze igihe isi izashirira!**

(Mt 28,20)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage: www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

ku itariki ya 3. Mutarama 2021 inkuru mbi yasakaye ku isi yose ku bakunzi ba muzika: Umuririmbyi Gerry Marsden yapfuye. Uyu Marsden ni we wahimbye mu myaka ya 1960 indirimbo yitwa "You'll never walk alone" yamugize icyamamare. Kuri ubu iyi ndirimbo ikunzwe kurimbwa cyane mu mastade y'umupira w'amaguru, na hano hafi y'iwacu i Borussia" muri Dortmund. Ese byakomotse he? Inkuru yo muri Liverpool ibitubwira neza: Ahagana mu 1960 mu za Sitade zo mu Bwongereza bacurangaga indirimbo zari zigezweho muri icyo gihe. Nimero ya mbere muri zo yari iy'itsinda ry'abacuranzi ba Liverpool bitwa Band Gerry na the Pacemakers. Igihe kimwe ngo indagururamajwi zarazimye. Noneho abafana bari muri Stade bakomeza kuririmba inyikirizo ivuga ngo: „You'll never walk alone“.

Iyi ndirimbo iri mu muziki wa Richard Rodgers, mu magambo ya Oscar Hammerstein, yakomokaga mu ndirimbo yo gusetsa yo 1945 yahimbwe na Broadway-Musicals Carousel. Muri iyo ndirimbo havugwamo inkuru y'umuntu wakoraga ahantu abantu bidagadurira mu byicundo, wari ufite ikibazo cy'amafaranga bituma ajya kwiba kugira ngo ashakire ahazaza umugore we n'umwana we wari hafi kuvuka, ku bw'ibyago aza kuhasiga ubuzima. Aya magambo "You'll never walk alone" asubirwamo kabiri muri iyo ndirimbo, mu rwego rwo guhumuriza no gukomeza uwo mugore wari ubaye umupfakazi. Indi nshuro ayo magambo asubirwamo, ni mu birori byo gusozza amashuri by'umukobwa wabo, wari umaze kugira imyaka 15. Muri rusange iyo ndirimbo ivugwamo ko mu byago by'isi byose umutu yanyuramo, agomba kurebana icyizere ejo hazaza.

You never walk alone! „Nturi wenyine mu rugendo“. Icyi cyizere ni nacyo Yezu yaremye mu mitima y'inshuti ze. Mu mirongo ya nyuma y'Ivanjiri ya Matayo haragira hati: „Ndababwira ukuri, dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeze igihe isi izashirira!“ Uburyo Imana ibikoramo na bwo buratangaje! Reka mbibaheho ubuhamya: Itsinda ry'abajene 25 bakomoka muri Ukrene twari kumwe mu bikorwa bitandukanye twari duhuriyemo. Igitekerezo cyanjemo cyo kubatumira tugasangira Icecreme. Ndebye mu ikofi yanjye, nasanze amafaranga nari mfite atari ahagije. Gusa nari namaze kubatumira. Muri njye hajemo ijamba rigira riti „Tanga nawe uzahabwa!“. Niyumvisemo icyizere cy'uko nza kubibonera igisubizo. Twerekeje aho bacururiza Icecreme. Ubwo twari mu nzira tujya yo nahuye n'umugabo. Yarebye abo bajeune bo muri Ukrene twari kumwe, ahita amfumbatiza amayero 50. Twasezeranyeho duseka. Tugeze aho bacururiza, twahasanze umukecuru, aranyitegereza. Yari yishimiye cyane iryo tsinda ry'abajene baturuka mu bihugu bitandukanye, ni uko aza ansaga agendera mu kagare ke, na we ahita amfumbatiza amayero 50. Byarandenze ndisetsa ndeba mu kirere. Ubwo erega nari mbonye amafaranga abahagije bose!
Nturi wenyine mu rugendo! - You never walk alone!

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker